MEDIA WEEKLY REVIEW

Igihe.com

1. **Leta yamaze kwishyura ibirarane bya mituweli yari ibereyemo ibigo by'ubuvuzi**

Mu inkuru y'ikinyamakuru igihe yasotse ku itariki ya 9/03/2016 ; iragaraza ko ko kuva ku itariki ya 4 Werurwe 2016, Leta yamaze kwishyura ibirarane bingana **miliyari 13.5** z'amafaranga y'u Rwanda mu kwishyura imyenda yose y'ubwisungane mu kwivuza buzwi nka mituweli (mutuelle de santé), yagiyemo ibyiciro binyuranye bitanga serivisi z'ubuzima, mbere yo kwegurirwa Ikigo cy'Igihugu cy'Ubwishingizi, RSSB. Amafaranga Leta imaze kwishyura ni ay'ibitaro 49 byo hirya no hino mu gihugu. Ibi bikaba byaratangajwe n'Umuyobozi ushinzwe ibikorwa by'ubuvuzi muri RSSB,Madame Muziganyi Florence mu ikiganiro kigufi yagiraye n'abanyamakuru ku cyicaro gikuru cya RSSB.

Yakomeje agaragaza ko imitangire ya serivisi no kubona imiti ku barwayi bakoresha ubwisungane bwa mituweli bigenda neza,kandi ko yizeye ko bizarushaho kugenda neza cyane kuko abatanga izo serivisi nta rwitazo bazongera kugira kuberako impamvu batangaga z'imyenda bari baberewemo na Leta zavuyeho. **Soma birambuye**: http://igihe.com/amakuru/u-rwanda/article/leta-yamaze-kwishyura-ibirarane-bya-mituweli-yari-ibereyemo-ibigo-by-ubuvuzi

RSSB Tweets

1. @RssbInfo: Leta yamaze kwishyura ibirarane bya mituweli yari ibereyemo ibigo by'ubuvuzi http://igihe.com/amakuru/u-rwanda/article/leta-yamaze-kwishyura-ibirarane-bya-mituweli-yari-ibereyemo-ibigo-by-ubuvuzi …

Tweeted to 3,005 thousand people 2 retweets and 2 li

2. @RssbInfo: #Mituweli coverage rate 81% as of /3/16.@ Kamonyi the leading district with 93.42,@ Kicukiro 93.40% @Rubavudi_Gov last with 79.889%

Tweeted to 3,005 thousand people 5 retweets and 3 likes

Broadcast Programmes /News

1. **RSSB weekly talk show**: Pansiyo y'abasizwe n'umukozi witabye Imana yiteganyirizaga cyangwa yafataga Pansiyo y'ubusaza , Pansiyo y'imburagihe cyangwa se Pansiyo y'ubumuga

Internal News/Information

1. **Komisiyo ya Sena ya politki n'imiyoborere yabonanye n'abahagaraye RSSB muri Nyabihu, Huye, Ngororero na Rusizi:**

Muri rusange,mu turere twose twasuwe; izi komisiyo zabonanye n'abahagarariye ibyiciro binyuranye by'abakozi ba Leta n'abigenga, abahagarariye RSSB mu turere, n'abahagarariye Mitueli muri za section. kubirebaRSSB, Abasenateri bifuje kumenya uko imikorere imeze nyuma y' ihuzwa rya RAMA, CSR ndetse n'iyinjizwa rya CBHI muri RSSB rihagaze, maze abari mu nama bagaragaza ko ihuzwa ry'ibyo bigo ryabaye ingirakamaro ku banyamuryango ba RSSB , ariko bikaba akarusho ariko ku banyamuryango

ba Mituweli. Bagaragaje ko kuri ubu ibitaro n'ibigo nderabuzima byishyurwa vuba, bityo bikabafasha kunoza services batanga, kandi ibitaro byemeje ko imyenda CBHI yari ibabereyemo yishyuwe neza.

Abasenateri beretswe imbogamizi: Muri Rusizi, SACCO ntizikoresha ikoranabuhanga ziracyakoresha amafishi kugirango zigeze amakuru ku bakozi ba RSSb bifata igihe kinini, ikindi kandi ayo mafishi aba arimo amakosa.

Abasenateri bagejejweho ibyifuzo:
1. Kugira ngo intego z'ikigo cya RSSB,zigerweho nuko abatabonye imiti ku bitaro kuba bayibonera mu mafarumasi yigenga ku giciro cyiza,bitabahenze dore ko abenshi bafite ubushobozi buke bwo kuyigurira.
2. Kwiga kuburyo abakoresha RSSB/RAMA bafashwa no kuvuzwa hanze y'igihugu, kuko hali indwara zidafite abaganga mu Rwanda, urugero :Gusimbura impyiko ,
3. Kwemerera n'abagiye muli pension mbere y'uko RAMA ijyaho ko nabo bafashwa kuvuzwa,
4. **Abakozi ba RSSB nabo basabye ubuvugizi**: Guhabwa transport kugira ngo bashobore kugenzura ibikorwa byose bya CBHI mu karere, Mu rwego rwo gukorana n'abafatanyabikorwa bose bifuje bahabwa MODEM za MTN kuko izo bafite za tigo kubona connection bibagora

2. Inama y'umushyikirano ya 13: Kuva ku itariki ya 11-14 Werurwe abayobozi batandukanye b'inzego za Leta bari mu mwiherero wa 13 mu kigo cya gisirikare cya Gabiro. Insanganyamatsiko y,uyu mwaka ni "***Guteza imbere ibikorerwa iwacu".*** Umuyobozi mukuru wa RSSB n'abamwungirije nabo bitariye uyu mwiherero.

3. Gutegura igikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 22 jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994:

Kuva ku itariki ya 7 Mata 2016 u Rwanda ruzibuka ku inshuro ya 22 Jenoside yakorewe abatutsi mu nsanganyamatsiko igira iti "***Twibuke Jenoside yakorewe Abatutsi turwanya ingengabitekerezo ya Jenoside.****"*Ni muri urwo rwego ku itariki ya 9 Werurwe RSSB kimwe n'ibindi bigo bya Leta ndetse n'ibyigenga byahuriye mu nama yari iyobowe na CNLG kugira ngo hategurwe icyo gikorwa.

Igikorwa cyo kwibuka kizatangizwa n'abayobozi bakuru b'igihugu ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali hacanwa urumuri rutazima ruzamara iminsi 100, ariko kandi gahunda zo kwibuka zizabera mu nzego z'ibanze.

Abayobozi basabwe gukangurira abakozi babo baba abakorera ku byicaro bikuru ndetse no mu ntara kujya bitabira ibiganiro kuko ngo hari benshi usanga batazi impamvu bibuka Jenoside bakabikora kuko ari gahunda ya Leta gusa.

4. CBHI uko ubwitabire mugutanga umusanzu buhagaze:

Kuva ku itariki ya 1/07/2015 ibikorwa by'ubwishingizi bw'ubuvuzi (mituweli) bwimuriwe mu kigo cy'ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB). Ibi bikaba byarakozwe mu rwego rwo kunoza serivisi zahabwaga abanyamuryango ndetse no kunoza imucungire y'imisanzu yabo. Icyerecyezo cy'U Rwanda mu kinyejana 2020 nuko buri munyarwanda yagira ubwisungane mu kwivuza. Nkuko imbonerahamwe iri munsi ibigaragaza, hari uturere usanga ubwitabire bw'abajya mu bwisungane mu kwivuza ukiri muto. Aha bikaba bisaba ko uturere tukiri hasi twongera imbaraga mu bukangurambaga.

DISTRICT	**TOTAL COVERAGE RATE**

	%
KAMONYI	93.42
KICUKIRO	93.4
GAKENKE	91.56
GASABO	91.5
KIREHE	90.54
GICUMBI	90.51
BURERA	87.59
RULINDO	86.22
NGOMA	84.09
HUYE	83.74
RUSIZI	83.66
MUSANZE	83.3
GISAGARA	83.05
RWAMAGANA	82.57
NGORORERO	81.24
MUHANGA	80.38
KARONGI	80.1
KAYONZA	79.25
BUGESERA	78.9
NYARUGENGE	78.39
NYABIHU	78.03
NYAMASHEKE	76.28
GATSIBO	75.57
NYAGATARE	75.37
RUTSIRO	73.31
NYAMAGABE	71.59
RUHANGO	71.1
NYARUGURU	70.05
NYANZA	68.98
RUBAVU	68.89

Moses Kazoora, ACIM
Director PR, Communication and Education
Rwanda Social Security Board
Tel: +250 788357575
E-mail: moses.kazoora@rssb.rw, kazooram@gmail.com